REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES TRAVAIL et DES AFFAIRES SOCIALE

RAPPORT

doc (1) page (11) 7/3/1985

**REPUBLIQUE RWANDAISE**

Kigali, le 07 MARS 1995

Entrée le 09 MARS 1995
N° indicateur 1252
A traiter par D.C.A - D D.P.C. - Exploitation et suivi
Classement

Dircab 16/5/1995

No 231/17.00/95

Ministère du Travail et des Affaires Sociales
B.P. 1413 Kigali

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

KIGALI.

Réf. :

Annexe :

Objet : Raporo y'urugendo muri Perefegitura ya BUTARE

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Nejejwe no kuboherereza raporo y'urugendo nakoze muri Perefegitura ya BUTARE, ku itariki ya 8 Gashyantare 1995.

Iyi raporo iruzuza iyo naboherereje tariki ya 23 Mutarama 1995 mw'ibaruwa n° 042/17.00/95 yavugaga iby'ingendo nagize mu yandi maperefegitura.

Mbifurije imirimo myiza kandi mugire amahoro.

Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho myiza y'Abaturage

Piyo MUGABO.

P.O. [signature]

DIRECTEUR DE CABINET
Mr SIMBURUDALI Théodore

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère du Travail et des Affaires Sociales

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika KIGALI.
- Bwana Minisitiri (Bose)

MINESUPRES

INYANDIKO YEREKERANYE N'URUGENDO MINISITIRI W'UMURIMO N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YAGIRIYE I BUTARE KUWA GATATU TARIKI YA 8/02/1995.

1. Umunsi rwabereyeho : Kuwa gatatu tariki ya 8/02/1995

2. Abagiyeyo :- Piyo MUGABO : Ministre
   - Théodore SIMBURUDALI : Directeur de Cabinet
   - Straton NSANZABAGANWA : Directeur a.i. Education Populaire
   - Thomas RWAKA : Directeur a.i. Travail et Formation Professionnelle
   - Gérard MUGWIZA : Secrétaire du Ministre

3. Abaje mu nama : Lisiti yabo yometse kuri iyi raporo

4. Gahunda y'uwo munsi :
   - 9h30' : Inama mu nzu ya Perefegitura ihuza abahagarariye ONG, Imiryango Mpuzamahanga, Imiryango y'abagiraneza n'Iy'Abihaye Imana, Abayobora ibigo by'Abatishoboye (Imfubyi, Abasaza...) Ababurugumesitiri n'Abakuru b'imirimo muri Perefegitura.
   - 11h30' : Inama hamwe n'abaturage kuri Sitade Huye
   - 14h00' : Gusura ikigo cy'imfubyi cyo ku KARUBANDA gifashwa na CONCERN
   - 14h30' : Gusura ikigo cy'abasaza cy'i Tumba gifashwa n'Umuryango w'ABIZERAMARIYA.

5. Icyo urugendo rwari rugamije :
   - Kugeza ku baturage ubutumwa bw'amahoro bushingiye ku butabera nyabwo, kworoherana, no kubabarirana kw'abanyarwanda.
   - Gukangurira abaturage kwitabira kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu.
   - Kumenyesha abayobozi n'abaturage ko Minisiteri irimo kuvugurura uburyo bwo guhugura abaturage batozwa kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu no kubahiriza amategeko.
   - Gukangurira abaturage kwitabira umurimo bagakorana umurava bashaka icyabatunga, icyazamura ingo zabo n'icyazamura igihugu. Bagomba kwiyumvisha ko guhora bategereje imfashanyo ntacyo byazabagezaho kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

.../...

- Kwigira hamwe n'abayobozi b'ako karere icyakorwa kugira ngo hashyirweho porogaramu ziteza imbere amajyambere y'abaturage nyuma ya porogaramu d'urgence.

- Kwigira hamwe n'abayobozi n'imiryango itanga imfashanyo ukuntu habaho uburyo bwo guhuza ibikorwa byo gufasha abaturage bigakorwa kuri gahunda iboneye ntihagire abaryamirwa cyangwa ngo bikorwe mu kajagari.

- Kugerageza kumenya no kumva ibibazo by'abaturage ; cyane cyane abatishoboye. Kubera iyo mpamvu abayobozi basabwe gukora byihutirwa ibarura ry'abakeneye gufashwa n'ibyo bakeneye. Muri rusange buri muburugumesitiri agomba gutanga raporo ivuga ibibazo byose Komini ifite.

- Kumenya ibibazo by'inzego z'imirimo zihagarariye MINITRASO mu maperefegitura no mu makomini uko biteye.

- Gusura ikigo kimwe cyangwa bibiri cy'imfubyi cyangwa abasaza.

.../...

6. Ibibazo byabajijwe mu nzu y'inama ya Perefegitura no mu nama y'abaturage kuri Sitade Huye.

| Ikibazo | Uko cyashubijwe cyangwa se abo kireba kizashyikirizwa |
|---|---|
| 1. Uhagarariye AMUR i Butare yanenze imikorere y'itangazamakuru, avuga ko hari abanyamakuru basebeje abayisilamu kuri Radiyo bavuga ko ngo bamwe muri bo bitabira ubwicanyi mu gihe cy'igisibo cyabo (Ramazani). | Minisitiri yavuze ko abanyamakuru bafite ibyo bemerewe n'ibyo batemerewe mu kazi kabo. Uwumva ko bamuvuze bamuharabika afite uburenganzira bwo gukoresha ibyo bakoresheje akabasubiza (droit de réponse).<br>Uwatandukiriye agakosa agomba gukurikiranwa mu bucamanza n'uwumva ko yahemukiwe.<br>Uko biri kose ibyo abanyamakuru bavuze ku giti cyabo ntibigomba kwitirirwa leta.<br>Uwabajije iki kibazo nashaka ibindi bisobanuro ashobora kubaza MINIJUST, MININFOR, ORINFOR. |
| 2. Bourgmestre wa Muganza kimwe n'abandi bantu bamwe na bamwe barinubira ko ngo za ONG zihemba amafaranga aruta ayo leta itanga bigatuma Komini zibura abakozi kandi zibakeneye cyane muri iki gihe. | Leta yemera ko umuntu ashobora gukora aho ashaka igihe amaze kumvikana n'umukoresha. (Libéralisation du marché du travail) |
| 3. Musenyeri GAHAMANYI Umushumba wa Diyoseze ya Butare yasabye ko imfubyi ziri mu kigo cy'ishuri ku Karubanda (zifashwa na na CONCERN) n'iziri mu kigo cy'i SOVU (zifashwa na Terre des Hommes) zahava bakareba ahandi bazicumbikira kuko ibyo bigo bikenewe kugira ngo byongere bikorerwemo imirimo byagenewe. | Ni ngombwa ko Diyoseze isubizwa ibyayo. Ariko kubera ko ikibazo cy'imfubyi kibabaje kandi kikaba kitureba twese ; Musenyeri azahura n'abayobozi b'ibyo bigo by' imfubyi, aba Perefegitura n'aba MINITRASO bashake umwanzuro uboneye.<br>Minisitiri yemeje ako kanama kuko ku byerekeye SOVU hari habayeho amasezerano yo gukodesha hagati ya Mama Mukuru na Terre des Hommes ariko Musenyeri akaba atemera ayo masezerano. |

.../...

| | |
|---|---|
| 3- | - Kugeza ubu ab'i Sovu Musenyeri yumva yaba abatije amazu yo ku gisagara. Naho abo ku Karubanda bashobora kuba bimukiye by'agateganyo mu mazu ya CPDFP BUTARE. |
| 4. Umuyobozi w'ikigo cy'ibipfamatwi n'ibiragi (Centre des Sourds-muets) Cossette Léo-Paul nawe yasabye ko bakeneye byihutirwa ikigo cyabo ubu gikorerwamo na CARE mu kwakira abahungutse bahanyura bataha iwabo. | - Ku kibazo cy'amazu yabo, uhagarariye UNHCR i Gikongoro na Butare yavuze ko Care igikoreramo ariko itumwe na HCR, none yasabye ko bazahura bagasuzumira hamwe icyo kibazo kuko nawe yemera ko igihe nyirikigo ashatse kugisubirana ari uburenganzira bwe. |
| - Uwo muyobozi yasabye n'inkunga y'ubutegetsi mu kubafasha kumenya abahoze biga muri icyo kigo baba bakiriho mbere yuko bakwemerera abandi. | - Ku byerekeye kumenya abahoze bahiga bakiriho bashobora kuzifashisha ba Burugumesitiri n'abayobozi ba za Paruwasi na raporo y'ibarura ryakozwe na Action Nord Sud. |
| - Ibikoresho byabo byarangiritse ibindi birabura kandi birahenda. | - Ku kibazo cy'ibikoresho ni ukwiyambaza abagiraneza, na Leta yaramuka ibishoboye ikabatera inkunga. |
| 5. Uhagarariye " CONCERN " yasabye inkunga ya Leta n'amabwiriza ku mushinga bafite wo gushaka imiryango yo kwakira abana badafite ababitaho | Minisitiri yabasubije ko iyo gahunda ijyanye na Politiki ya Leta. Ubu inyandiko zibisobanura neza zirimo gutegurwa (MINIREISO, MINITRASO, MINIFAPROFE). |
| 6.- Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Univerisite akaba ari nawe uhagarariye amashuri gatolika muri Butare yifuje ko impunzi ziri muri Groupe Scolaire Butare zavamo vuba kugira ngo amashuri azashobore gutangira igihe Minisiteri y'amashuri izagena. | - Uhagarariye MINIREISO yavuze ko mu cyumweru kimwe izo mpunzi zizaba zavuyemo. |
| - Yanasabye inkunga ya MINITRASO mu gusana no kugurira ibikoresho Home St Aloys y'i TUMBA yakira incike zifashwa n'Abizeramariya. | - Mu byihutirwa Minisiteri yabemereye amafaranga yo kugura ibikombe, amasahane, n'intebe zo ku meza (harimo incike mirongo itatu). |
| | - Intumwa za Minisiteri zizasura ibigo byose by'abasaza kugira ngo ibikenewe bimenyekane bashakirwe inkunga. |
| | - Imibare y'abasaza bari mu bigo iteye itya :<br>* Gisagara : 62<br>* Tumba : 30<br>* Ngoma : 10<br>* Kabgayi : 35<br>* Kibungo : 29 |

.../...

| | |
|---|---|
| 7. Uhagarariye CPDFP yifuje ko haba amahugurwa y'abakozi ba Komini n'aba Perefegitura bashinzwe kwiga imishinga. Ikindi kibazo ni uko CCDFP zikeneye abakozi kandi zikaba nta bikoresho bihagije zifite. | - Minisitiri yavuze ko ibyo guhugura abakozi bishoboka MININTER na Perefegitura babyigira hamwe bagashaka financement.<br>- Ku kibazo cy'abakozi bakenewe Minisitiri yasabye ba Burugumesitiri kubinyuza kuri Perefe nawe akazageza iyo lisiti kuri MINITRASO kugira ngo ibasabe MINIFOP.<br>- Ku kibazo cy'ibikoresho byo muri CCDFP bidahagije, sibo bonyine bagifite (biraterwa n'amikoro make). Ni ukwihangana ibikoresho bizajya biboneka gahoro gahoro. |
| 8. Abahagarariye umushinga PROGRAMME DE REINSERTION DES SANS FAMILLE " bari bacumbitse mu kigo cy'aba SCOUTS none benecyo baragishaka byihutirwa bakaba babasaba kwimuka. Barasaba inkunga ya Leta cyangwa se bakabasabira aba Scouts kuba batije igihe gito. | -Minisitiri yabagiriye inama yo guhura na ba nyirikigo bakumvikana, naho ubundi nta kundi byagenda igihe bakeneye amazu yabo bagomba kuyasubizwa kuko nabo bakeneye kuyakoreramo. |
| 9. Ushinzwe ibibazo by'imfubyi muri BUTARE arabaza aho gahunda yo gufasha abo bana kuriha amashuri igeze nk'uko MINEPRISEC yari yabibijeje. | -Leta nta na rimwe izatererana abo bana izakora uko ishoboye ibagoboke. Minisitiri yemeye kuzabyibutsa mugenzi we wa MINEPRISEC. |
| 10. Muri rusange Perefe yibukije ko muri Butare hari imfubyi nyinshi cyane. Iziri muri Orphelinat ubu zigeze ku 1.676 ziba mu bigo 13. Ibyo bigo byose nta na kimwe gikorera mu nzu zacyo, bacumbitse mu mashuri, amashyirahamwe cyangwa mu mazu y'abihaye Imana ; none beneyo barashaka kuyasubirana. Ibyo bigo bikeneye amazi meza, imiti, inkwi zo gucana, imyambaro, ibyo kuryamira, ibiribwa, abakozi bajijukiwe mu mirimo yo kurera imfubyi no kuzitaho kimwe n'impuguke mu kuvura traumatismes.<br>Bakeneye n'imodoka zo kubafasha guhaha no kujya kwa muganga. | -Muri rusange Minisitiri yasabye abanyarwanda bose kugira umutima w'impuhwe kugira ngo dufashe izo mfubyi uko dushoboye.<br>-Yakomeje yibutsa ko leta icyo kibazo ikitayeho cyane. Abayobozi bagomba kubarura imfubyi n'ibyo zikeneye kugira ngo bishyikirizwe abo bireba bashake uko bababonera imfashanyo, n'ubwo amikoro ari make bwose. |

../...

| | |
|---|---|
| 11. Imfubyi zitari muri Orphelinat ubu zirihirya no hino mu miryango y'abarokotse ariko bakeneye imfashanyo y'ibiribwa, imyambaro, ibiribwa byihariye by'abana bafite mu nsi y'imyaka itanu, bakeneye kandi no kurihirwa amashuri n'ibikoresho byo mu mashuri. | -Muri rusange Minisitiri yasabye abanyarwanda bose kugira umutima w'impuhwe kugira ngo dufashe izo mfubyi uko dushoboye.<br>- Yakomeje yibutsa ko leta icyo kibazo ikitayeho cyane. Abayobozi bagomba kubarura imfubyi n'ibyo zikeneye kugira ngo bishyikirizwe abo bireba bashake uko bababonera imfashanyo, n'ubwo amikoro ari make bwose. |
| 12. Ibigo byita ku incike byagombye kwiyongera kubera ko nyuma y'ibi byabaye abatishoboye batagira ababo bariyongereye cyane. | - Minisiteri irimo kwiga gahunda y'ukuntu abo bantu bafashwa. Niyo mpamvu abo bantu bagomba kumenyekana, hakanabarurwa ibyo bakeneye. |
| 13. Abapfakazi nabo babaye benshi cyane none bakeneye inkunga ya leta n'iy'abagiraneza.<br>Urugero : Ku makomini 6 amaze gukorerwa ibarura hari abapfakazi 3.320 n'abatishoboye 13.414. | - Ni ngombwa ko abo bantu bose babarurwa, hakamenywa ibyo bakeneye, noneho hagakorwa gahunda yo kubafasha binyuze kuri leta na za ONG. |
| 14. Hatanzwe ikifuzo cy'uko leta yateganya uburyo bwo kwita ku mfubyi igihe za ONG zibitaho ubu, zizaba zimaze gutaha. | Icyo kifuzo gifite ishingiro kandi leta irabitekerezaho. |
| 15. Hakenewe byihutirwa umugenzuzi w'imirimo kubera ko hari ibibazo hagati y'abakoresha n'abakozi bigomba gukemurwa. Ubu ibyo bibazo bijya muri gendarmerie, kandi byagombye gukemurwa na Inspection du travail. | -Mu minsi mike umugenzuzi w'imirimo azaba ahari, amazina y'abagenzuzi b'imirimo mu perefegitura yashyikirijwe MINIFOP. |
| 16. Muri rusange hari ikibazo hagati y'abantu bitije amazu na beneyo cyangwa abo bafitanye amasano bashaka kuyasubirana. | -Umutungo w'umuntu ntuvogerwa buri wese agomba gusubizwa ibye. Igihe umuntu atari nyirinzu agomba kugaragaza ibyemezo byemewe n'amategeko bimuha uburenganzira bwo kuzungura. Hagaragajwe ikifuzo cy'uko ibitagira bene byo byajya mu maboko ya leta. Uko biri kose hagomba byihutirwa amabwiriza kuri icyo kibazo. |

.../...

| | |
|---|---|
| 17. Hari abaturage banga guhinga bitwaza ko badahinga amasambu atari ayabo batazi igihe bazayasubiriza beneyo. | - Abantu bagomba kwiyumvisha ko ari ngombwa gukora kugira ngo batazicwa n'inzara, kuko ntabwo imfashanyo zizahoraho. Bagomba kumenya ko iyo bahinze aribo bafite uburenganzira bwo gusarura. |
| 18. Impunzi zaturutse ku Gikongoro ziba muri Groupe Scolaire no mu mujyi wa Butare zirifuza ko amahoro yagaruka iwabo nazo zigataha. Mu gihe Groupe Scolaire igomba gutangira baribaza aho bazaba bari nibabasohoramo. | - Icyo kibazo kizashyikirizwa MININTER, MINIJUST, MINADEF, MINIREISO. |
| 19. Hari abantu bamwe bibaza ukuntu ba OPJ bamwe na bamwe bazashinja abicanyi kandi harimo ababa baragize uruhare mu bwicanyi n'itsembambaga. | - Ubucamanza bugomba gukora akazi kabwo. Ababishinzwe bazakora enquêtes za ngombwa kugira ngo ukuri kuzagaragare. |
| 20. Abaturage barifuza ko babona banques vuba, kuko bazikeneye. | - Perefe yasubije ko yatangiye imibonano n'abayobozi ba B.K. na B.C.R. kandi bamwijeje ko nibatangira gufunguza za succursales ko ariho bazatangirira. |
| 21. Hari abifuza ko babagenera vuba aho bafata ibibanza mu mugi bakiyubakira amazu. | - Ubungubu komisiyo y'ibibanza yaratangiye ariko byaba byiza twibukije MINITRAPE. |
| 22. Baribaza gahunda leta iteganyiriza abatwite inda batewe n'abagizi ba nabi bagiye babafata ku ngufu. | - MINIFAPROFE irimo gutegura umushinga wo kwiga ibibazo by'abo bantu n'ukuntu bazafashwa. |
| 23. Abaturage barifuza imfashanyo y'imbuto n'ibikoresho byo mu buhinzi, kimwe no kubona icyororo cy'amatungo magufi. | - Icyo kifuzo gifite ishingiro, Minisiteri y'Ubuhinzi ikwiye kucyitaho. |
| 24. Abasore babiri babajije ukuntu bazamera igihe bo bacitse kw'icumu bakaba bakuze ku buryo batajya mu bigo by'imfubyi kandi na none bakaba badashoboye gushinga urugo. | - Igihe badashoboye kujya mu byo basigiwe n'ababyeyi bagerageza gukora nk'izindi mpunzi bagahagurukira gukora bakirwanaho. Ariko kandi Minisitiri yemeye kuzageza icyo kibazo kuri Minisitiri ushinzwe urubyiruko. |

## 7. UMWANZURO

Nyuma y'ibibazo, ibyifuzo n'ibisubizo byatanzwe, abaje mu nama basabwe ko ubutumwa bahawe babugeza kubo bahagarariye. Ubwo butumwa bukaba bukubiye muri izi ngingo zikurikira :

- Abaturage bagomba kumenya ko aribo bafite uruhare rw'ibanze mu kubungabunga umutekano
- Abaturage bagomba kwitabira gukora kugira ngo bizamure ubwabo kandi bazamure n'igihugu kuko bagomba kureka akamenyero kabi ko guhora bategereje gufashwa
- Abayobozi bagomba kugaragaza vuba uko ibibazo by'imibereho y'abaturage biteye n'ibyo bakeneye
- Abaturage bagomba gutozwa kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu kandi bakamenya ko kubabarirana bitavuga ko abakosheje batagomba guhanwa
- Abatishoboye abaribo bose bagomba kumenya ko leta itabibagiwe kubera ko ihora izirikana ibibazo byabo, kandi igakora uko ishoboye ngo ibishakire ibisubizo n'ubwo ntawe uyobewe ko amikoro ari make.
- Abaturage nabo bari bakwiye gushyigikira umuco mwiza w'abanyarwanda wo kugira impuhwe no gufashanya cyane cyane ku batishoboye.
- Igihugu cyacu kigomba kuba igihugu kigendera ku mategeko kandi abantu b'inzego zose bakabyubahiriza.
- Umutungo w'umuntu ntuvogerwa (la propriété privée est inviolable). Haramutse hari ibibazo bigomba gukemurwa hakurikijwe amategeko. Hifujwe ko haboneka byihutirwa amabwiriza yerekeranye n'imitungo y'abantu badahari.

Mu gusoza inama hifujwe ko abayobozi b'inzego zinyuranye bajya bahura buri gihe cyose ari ngombwa kugira ngo bungurane ibitekerezo kandi bamenye ibibazo by'abo bayobora uko biteye.

## REUNION DU 8/02/1995 : BUTARE

### LISTE DES PARTICIPANTS

| | Nom et Prénom | Fonction |
|---|---|---|
| 1. | FURERE Charles | Bourgmestre de NYARUHENGERI |
| 2. | KAYIHURA P.Célestin | Bourgmestre de MUYIRA |
| 3. | RUZIBIZA Aloys | Bourgmestre de la Commune MUGANZA |
| 4. | Philippe MBARAGA | Bourgmestre de la Commune de HUYE |
| 5. | Sr. Marie Paule LEBEL | Srs. Auxiliatrices-Directrice E.S.Karuband |
| 6. | Sr. Angelina MUKANTAGANZWA | Srs.Abizeramariya - GISAGARA |
| 7. | GASANA Richard | CHLDREN'S WELFARE MISSION-Director |
| 8. | COSSETTE Léo-Paul | Frère de St Gabriel R.Légal du C.J.S.M. |
| 9. | NYANDWI Jeredi | Conseiller secteur BUSASAMANA-NYABISINDU |
| 10. | MUNYAMPUNDU Silas | Bourgmestre de la Commune NTYAZO |
| 11. | GASANA Samuel | Bourgmestre de la commune urbaine de NGOMA |
| 12. | PEDERSEN Lars | UNREO |
| 13. | MUTUNZI Dieu-Donné | Rev.Pasteur Eglise Methodiste Libre |
| 14. | Pasteur KAYONGA Esdras | Président,Eglise Adventiste, Rwanda-Sud |
| 15. | Pasteur Samuel BIMENYIMANA | Secrétaire-Trésorier,Eglise Adventiste |
| 16. | ALESSANDRO BOLZONI | Chef sous-Délégation HCR BUTARE |
| 17. | SEMWAGA Charles | Chldren's Welfare Mission |
| 18. | NZABONANKIRA Céléstin | Conseiller de secteur MUZENGA - NDORA |
| 19. | NKUNDWANABAKE Cassien | Conseiller de Secteur KINYERERI |
| 20. | NGARAMBE.. Fidèle | Bourgmestre de la commune NYABISINDU |
| 21. | NGEZAHAYO Emmanuel | Inspecteur du Commerce BUTARE |
| 22. | RUHASHYA Benoît | Encadreur de la Jeunesse BUTARE |
| 23. | MUKANKULIZA Constance | Assistante sociale BUTARE |
| 24. | SESONGA Silas | Bourgmestre de la commune RUHASHYA |
| 25. | NIJIMBERE Béatrice | Présidente de l'Association P.R.S.Sans Fami |
| 26. | DUSABE Annonciatta | membre de P.R.S. " Sans famille " |
| 27. | CYATENGERWA Laurence | Membre PRS " Sans famille " |
| 28. | MUKESHIMANA Philippe | Responsable wa Secteur KABUSANZA -MARABA |
| 29. | MAYIRA Enock | Bourgmestre : MARABA |
| 30. | SEMANYENZI Justin | Bourgmestre de MUGUSA et Représentant de l'Orphélinat de MUGUSA |
| 31. | Gel Heagney | Concern UNC - BUTARE |
| 32. | Wlia Addis | Responsables des ENA, CONCERN - RWANDA |
| 33. | Gerard MBANDA | Responsable ORINFOR - BUTARE |
| 34. | NGOMBWA Ignace | Agent de D.M.I. |
| 35. | BIZIMANA Seth | Represente le conseiller du secteur BUTARE - ville |
| 36. | NYIRAMANA Anastasie | Responsable de l'orphelinat St Elisabeth-NGOMA et Responsable régionale de la Fraternité Jésus Kriste BUTARE |

.../...

| | |
|---|---|
| 37. BARISSIERE Alexa | Administratrice " Terre des Hommes " |
| 38. Célestin GATERA | Administrateur de l'A.E.E. et Coordinateur du CAENA de l'A.E.E. à BUTARE |
| 39. BAZATSINDA Thomas | Directeur a.i. du Musée National du Rwanda |
| 40. HAVUGIMANA Jérôme | Agent de liaison de la Caisse Sociale du Rwanda à BUTARE |
| 41. Lt. Innocent KABANDANA | BDE PC |
| 42. MUBILIGI Mwene MBUGUJE | Bourgmestre de la commune RUNYINYA |
| 43. RUHIGIRA UKULI Boniface | Bourgmestre de la commune KIGEMBE |
| 44. KALISA Charles | Bourgmestre de la commune MUYAGA |
| 45. RUDAHINYUKA Jean - Marie | Représentant du PAM |
| 46. GASANA Anthyme | Bourgmestre de la commune MBAZI |
| 47. BIMENYIMANA Sylvestre | Conseiller de secteur MAHE - RUHASHYA |
| 48. Abbé Guillaume Aloys | Représentant Préf. de l'Enseignement Catholique et Curé de la Paroisse Universitaire |
| 49. MASHARIKI Jean | Directeur de Prison BUTARE |
| 50. KAYIBANDA Célestin | Procureur de la République ad interim à BUTARE |
| 51. Abbé Emmanuel TUBANE | Curé de la Cathédrale BUTARE |
| 52. Kaleina NURU | Représentant de l'AMUR BUTARE |
| 53. ABDUL-KARIM IDRISSA | Umubwirizwa butumwa bwa Islam muri BUTARE |
| 54. RUZINDANA Benoît | Bourgmestre de la commune NDORA |
| 55. RUGERINYANGE wa R.François | MINIREISO - BUTARE |
| 56. HAGENIMANA Régine | Responsable a.i. CPDFP - BUTARE. |